

JICA CUP2 Project

Kawa yanikwa idatonoye (Natirere)



5. Kawa yanikwa idatonoye (Natirere)

Ibyiza
by'ubu
buryo

- Itanga amahirwe yo kugira icyanga n'uburyohe butandukanye.
- Ntamazi akenewe, bituma iberana n'uturere dufite amazi macye.
- Ntabikoresho byinshi bikenerwa.

Ibisabwa
byiza

1. Isukari iri hejuru ya 18.0
2. Kugira ibitanda byo kwanikaho (igihe cyo kwanika ni kirekire)
3. Gusukura no kujonjora kawa mbere yo kuyanika

1

Gusarura

2

Kujonjora

3

Kumutsa

4

Kwanika

5

Kubika

Ibyiciro

UMUNSI 1



UMUNSI 1-2



UMUNSI 3
(kugera iminsi 35-40)



-



Intambwe 1: Gusarura

Intego: Ikawa ihishije ifite isukari nyinshi n'icyanga bitanga ibyanga

Ibikoresho bikenewe



Koresha
igisarurirwamo
mugihe cyo gusarura
kawa



Sasa **shitingi**
munsi y'igiti
itangire ikawa
yaguye hasi



Koresha **imifuka**
isa neza
mugukusanya
umusaruro

Ingingo nyamuku

① Gusarura **ibitumbwe bihishije neza gusa**



Kuberako....



70kg



100kg

Uburemere

Igiciro ku
muhinzi

Igiciro

700rwf/kg

49,000rwf

700rwf/kg

70,000rwf



② Tangira gusarura
mugitondo.



③ Geza kawa
kuruganda **bitarenze**
amasaha 8 nyuma yo
gusarura



④ Ntutore kawa yaguye
kubutaka, Kumira
ubwandu



⑤ Shyira umusaruro
wa kawa **ahatagera**
izuba uyirinde ihuguta
ryihuse

5. Kawa yanitse idatonoye (Natirere)

Intambwe ya 2: Kujonjora – Kujonjora kawa hagendewe ku ibara

Intego: Gushyira kawa mubyiciro – Izihishije/ izidahishije/ izarengeranye

Ibyitabwaho ①

70% ya kawa **ihishije neza**




Ibyitabwaho ②

Isukari: Hejuru ya 18.0



10.0



18.0

5. Kawa yanitse idatonoye (Natirere)

Intambwe 3: Kumutsa (Amasaha 36-48)

Intego: Gukuramo ibitumbwe bifite inenge

Ibikoresho

Ibitanda bya kawa biri ahatwikiriye



Ingingo nyamukuru


① Gushyira ibitumbwe ahatwikiriye hagamijwe gutora (Izidahishije, lyarengeje urugero, Izariwe n'udukoko), Ku ngano ya **3 cm** ku gitanda.

② **Gutora**, gutegereza amasaha **36-48**. ibitumbwe biguma kubitanda mbere yo kuja kuzuba

③ Guhitamo amaraba y'ibitumbwe agomba gutorwa:

-Ibidahishije

-Izarengeje igihe



Ibyitabwaho

Inenge zavanywemo 100%



5. Kawa yanitse idatonoye (Natirere)

Intambwe ya : Kwanika

Purpose: Guhugutira mugishishwa hagamijwe icyanga cyihariye

Ibikoresho



shadineti
hirindwa



isashe
hirindwa
imvura
n'urume



Moisture meter
mukumenya
ubuhehere
bwa kawa

Ingingo nyamukuru

① **Gucunga ubushyuhe bwa kawa:** koresha **shadineti** mugutwikira hirindwa ubushyuhe hagati ya 11:00-15:00 *Byahinduka bitewe n'imiterere y'ikirere.

② **Gucunga ubuhehere:** Pfuka kawa ukoresheje pulasitiki kugira ngo irindwe imvura n'ikime.


③ **Kuruhuka:** Umunsi umwe mu cyumweru, pfuka parchment neza yose

④ **Kumira rimwe:** Korogosha inshuro 5-6 ku munsi mu minsi 2-3. Nyuma yaho, inshuro 3 ku munsi. Kwanika kungano ya 3cm iminsi 2-3, nyuma byiyongera.



Ibyitabwaho

① **Ubuhehere bwa kawa:** Intego 11.0-12.0% mubihe byiza. Gupima ubuhehere 2 kumunsi.



② **Igihe kwanika bimara:** Ubusanzwe, ni iminsi 35-40. Kwanika bigomba gukurikiranwa hirindwa kuma vuba vuba insigane.



③ **Ubushyuhe bwa kawa:** ntibugomba kurenga 25°C kugeza ubuhehere bugeze kuri 35%, nyuma yaho ntiburenze munsi 40°C.



*Moisture meter ibanze kuyigerwa.

Icyiciro 5: Kubika

Ikigenderewe: Kugumisha kawa kukigero kimwe nyuma yo kwanika hagamijwe gucuruza no Gutonora

Ibikoresho

Paleta hirindwa kwangirika
(Urugero: Amazi, Udukoko)



Ingingo nyamukuru

① **Kugenzura ubuhehere:** Kugumisha kawa kubuhehere bwa **10-12%**



② **Kohereza umwuka/guhungiza:** Kugenzura umwuka winjira n'usohoka hirindwa urume n'ubuhehere bwo hejuru



Ibyitabwaho

① **Ubushyuhe:** Gukomeza ubushyuhe bwa **15–23°C** hirindwa kwangirika



② **Ubuhehere:** Gukomeza ubuhehere kuri **50-70%** hirindwa uruhumbu



③ **Kuruhuka:** Kawa igomba kubikwa hafi **amezi 3** kugira ngo ubushuhe bwayo bugume ku gipimo gihamye.

